

GAHUNDA

Gahunda yo Kubara no Kwishyuzwa Ibyo Umurwayi Asabwa no Kubikusanya

Iyi gahunda ikurikizwa ku mbuga za Corewell Health zikurikira:

Beaumont Corporate Shared Services, Beaumont Dearborn, Beaumont Farmington Hills, Beaumont Grosse Pointe, Beaumont Medical Group, Beaumont Pharmacy Solutions, Beaumont Royal Oak, Beaumont Taylor, Beaumont Trenton, Beaumont Troy, Beaumont Wayne, Post Acute Care (Beaumont) Corewell Health (Corporate), Big Rapids (Mecosta County Medical Center), Continuing Care, Corporate, Gerber Memorial (Newaygo County General Hospital Association), Ludington (Memorial Medical Center of West Michigan), Outpatient/Physician Practices, Pennock (Pennock Hospital), Reed City (Reed City Hospital Corporation), SH GR Hospitals (Spectrum Health Hospitals), SHMG, Spectrum Health Lakeland (Lakeland Community Hospital Watervliet; Lakeland Hospitals at Niles and St. Joseph Inc.), United/Kelsey (Spectrum Health United; Spectrum Health Kelsey Hospital), Zeeland (Zeeland Community Hospital)

Imikorere igarukira kuri:	Ntikurikizwa
Indanga #:	13636
Verisiyo #:	5
Itariki yatangiye gukurikizwa:	01/11/2022
Ahantu ho Gukorera:	Ibaruramari, Imikoreshereze y'Ibyinjira
Ahagenewe Ishami:	Ibaruramari, Iyorohereweza ku Murwayi, Serivisi z'Umutungo z'Umurwayi (PFS)

Itangazo ryo Kwirinda Ivangura: Corewell Health n'ibigo biyishamikiyeho byose bifite gahunda yo gutanga ubuvuzi bufite ireme ku bantu bose. Corewell Health ntizakora ivangura rishingiye ku bwoko, ibara ry'uruho, igihugu umuntu akomokamo, ubwenegihugu, igitsina, idini, imyaka, ubumuga, imyemerere ya politiki, igitsina umuntu yiyumvamo, n'irangamimerere na sitati y'umuryango. Gushyirwa mu bitaro no kuvurwa bizaba bishingiye gusa ku buvuzi umurwayi azaba akeneye n'urwego ndetse n'ubushobozi bw'ivuriro bwo kwita ku murwayi no kumuha ubuvuzi akeneye. Umurwayi ntazangirwa gushyirwa mu bitaro no kuvurwa hashingiwe ku bwoko, ibara ry'uruho, igitsina, isura, igihugu cy'inkomoko, idini, ubumuga, imyaka, kuba abana n'ubwandu bwa HIV, uwavuye ku rugerero, cyangwa umusirikare, uburyo bwo kwishyura cyangwa irindi shingiro ribujijwe n'igihugu, leta cyangwa amategeko y'aho ivuriro rihereye. Abarwayi bazavurwa mu buryo bugendanye n'igitsina kibaranga. Ikindi, Site zemejwe z'ikigo cya Leta Gishinzwe Serivisi z'Ubuzima ("NHSC")- na Porogaramu Ishinzwe Kwishyuzwa Inguzanyo muri Leta ya Michigan ("MSLRP") ntizavangura mu guha serivisi umuntu (kandi ntizashyingira ku kwemerera umuntu kuja muri porogaramu) hashingiwe ku bushobozi bw'umuntu bwo kwishyura byaba ko izo serivisi zishyurwa na Medicare, Medicaid, cyangwa CHIP; kandi ntizavangura hashingiwe ku bwoko bw'umuntu, ibara ry'uruho, igitsina, igihugu umuntu akomokamo, ubumuga, idini, imyaka, igitsina yiyumvamo, cyangwa igitsina kimuranga.

1. Impamvu

Gukora ku buryo abarwayi bose bafatwa kimwe hamwe n'Abishingizi bafite abarwayi bafite amadolari batarishyura Corewell Health cyangwa kimwe mu bigo biyishamikiyeho. Ku bw'iyi mpamvu, Corewell Health ntizajya mu bikorwa bidasanzwe byo gufatira umutungo w'Umurwayi na/cyangwa umwishingizi kugira ngo ibashe kwishyurwa amadolari y'ubuvuzi mbere yo gukoresha Imbaraga zishoboka mu kugena niba Umurwayi na/cyangwa Umwishingizi yemerewe ubufasha na Gahunda yo Kwemererwa Ubufasha bw'Amadorali (FAP).

Iyi Gahunda igamije kuzuza ibisabwa mu Gice cya 501(r)(6) cy'Itegeko Rigenga Amadolari yinjizwa ryo mu w'1986, nkuko ryavugururwe, rishyira inshingano zimwe na zimwe ku Bitaro ku bijyanye no gutanga inyemezabuguzi n'ibikorwa byo gufatira umutungo ku Barwayi Bemereye inkunga y'amadolari hakurikijwe Gahunda y'ibitaro Igenga Ubufasha bw'Amadolari.

2. Ibisobanuro

- 2.1. Igihombi: Corewell Health cyangwa urundi ruhande rwahawe inshingano zo kwishyura byagerageje kwishyura amadolari Umurwayi asabwa kwishyura atarishyurwe n'ubwishingizi ngo arangire cyangwa ngo umurwayi abe yariyandikishije muri gahunda yo kwishyura yemeranyijweho nyuma yo kuba kwishyura imbere mu bitaro bikozwe na Corewell Health cyangwa uruhande rwahawe inshingano zo kubikora.
- 2.2. Ibikorwa byo Gufatira Umutungo ("ECA"): Ibi bikorwa birimo gutanga ikirego cy'imbonezamubano, gufatira umushahara w'umurwayi n'imisoro.
- 2.3. Umwishingizi: Umuntu wishingira kwishyura serivisi Umurwayi yaherewe muri Corewell Health.
- 2.4. Umurwayi: Umuntu uhererwa serivisi muri Corewell Health cyangwa kimwe mu bigo biyishamikiyeho.
- 2.5. Amadolari umurwayi aba asigaye kwishyura: Amadolari yose Umurwayi arimo agomba kwishyura na/cyangwa Umwishingizi. Hano hakubiyemo amadolari asigaye kwishyurwa atishingiwe, amadolari afatanywa kwishyurwa, amadolari avanwamo, ubwishingizi bufatanyijwe, serivisi zitishingiwe, n'amadolari yose asigara agomba kwishyurwa nyuma y'uko ubwishingizi bwishyuye afatwa nk'umwenda ku Murwayi na/cyangwa Umwishingizi.

Iyo Umurwayi afite Medicaid kandi akaba afite inshingano zo kwishyura serivisi zitishingiwe (urugero: imiti umuntu yiha, ubumenyi ku mwana wenda kuvuka), Corewell Health izita kuri aya madolari acibwa kugira ngo yemererwe ubufasha bw'amadolari.
- 2.6. Uruhande rushinzwe kwishyura: Sosiyete ifite amasezerano yo kwishyura Amadolari Umurwayi asigaye kwishyura mu mwanya wa Corewell Health ariko ikishyura mu izina ryayo hakurikijwe amategeko agenga Igihugu, Leta, n'amategeko y'imbere mu gihugu.
- 2.7. Igihe cyo gutanga ubusabe: Ni igihe Corewell Health igomba kwemera no kugenzura Ubusabe bw'Ubufasha bw'Amadolari (nkuko bisobanurwa muri FAP). Igihe cyo gutanga ubusabe gitangira ku itariki inyandiko igaragaza fagitire ya mbere ya nyuma yo gusezererwa mu bitaro itangwa kugira ngo umurwayi avurwe kandi ikarangira ku muni wa 240 nyuma yaho. (Mu bihe bimwe na bimwe, nkuko bisobanurwa muri iyi gahunda, Corewell Health ishobora gusabwa kwemera no kugenzura Ubusabe bw'Ubufasha nyuma y'Igihe cyo Gutanga Ubusabe.)
- 2.8. Gahunda y'Ubufasha bw'Amadolari (FAP): Gahunda y'Ubufasha bw'Amadolari ya Corewell Health buri kimwe mu bigo biyishamikiyeho byashyizweho kugira ngo bimenye kandi bihe ubufasha bw'amadolari Abarwayi bakeneye ubufasha bwo kwishyura fagitire zabo zo mu bitaro.
- 2.9. Imbaraga zishoboka: Ibikorwa Corewell Health igomba gukora kugira ngo igene niba Umurwayi na/cyangwa Umwishingizi yemerewe ubufasha bw'amadolari muri Porogaramu y'Ubufasha bw'Amadolari mbere yo kwitabira igikorwa cyose cya ECA mu rwego rwo kubona amadolari yo kwishyura ubuvuzi, hubahirizwa Serivisi z'Amadolari yinjizwa n'Amategeko agenga Ishami rya Amerika Rishinzwe Umutungo wa Leta.

3. Inshingano

Gutanga fagitire z'amadolari Umurwayi atarishyura na Gahunda yo kwishyura bikorwa n'umukozi washyizweho mu buryo bwabugenewe na Corewell Health nkuko bisobanurwa mu buryo buboneye bukurikizwa.

4. Kubahiriza amategko

Kurenga kuri iyi gahunda bikoze n'umukozi ushinze ubuzima uwo ari we wese wa Corewell Health bishobora gutuma ahanwa.

5. Gahunda

5.1. Corewell Health izakorana n'Abarwayi na/cyangwa abishingizi n'urundi ruhande rwemewe rwabihereye uburenganzira rwa ngombwa mu kugena no gufata umwanzuro ukwiye ku madolari Umurwayi asigaje kwishyura. Amadolari Umurwayi asigaje kwishyura azashakirwa igisubizo n'iyi gahunda

5.1.1. Abarwayi bapfuye – Kubabarana n'umuryango wafushije Umurwayi muri iki gihe ni cyo kintu Corewell Health iha umwanya wa mbere. Corewell Health imenya kandi igashakira igisubizo amadolari Umurwayi yari asigaje kwishyura nkuko bisobanurwa mu Buryo bukurikizwa ku Murwayi cyangwa Umwishingizi upfuye hari amadolari yari asigaje kwishyura. Nkuko bisobanurwa mu buryo bukoreshwa Corewell Health ikoresha amakuru rusange mu kugenzura itariki yo gupfa, igasuzuma ibyatumye uwapfuye yemererwa ubufasha bw'amadolari, Medicaid, kandi inashobora kwiga ku kuba yatanga ikirego ku mutungo w'uwo muntu wapfuye.

5.1.2. Abarwayi baguye mu gihombo – Corewell Health yubahiriza Itegeko rya Leta Zunze Ubumwe za Amerika rigenga kugwa mu Gihombo. Iyo bimeze bityo, Corewell Health imenya kandi igashakira igisubizo ikibazo cy'Umurwayi wapfuye ari mu gihombo hari amadolari yari asigaje kwishyura nkuko bisobanurwa mu Buryo bukurikizwa igihe Umurwayi apfuye yari mu gihombo hari amadolari asigaje kwishyura. Igikorwa cyo kwishyura no gutanga fagitire birangira mu gihe cy'imenyekanisha ry'igihombo ku matariki yose ya serivisi zishyurwa muri iki gihe cyo gutanga ikirego ku kugwa mu gihombo. Corewell Health n'urundi ruhande bakurikirana urubanza rwo kurangiza igihombo kugeza ikirego cyo kugwa mu gihombo kirangiye cyangwa giteshejwe agaciro.

5.1.3. Abarwayi bakeneye Ubufasha bw'Amadolari – Corewell Health ifite amahitamo y'ubufasha bw'amadolari ku Barwayi Bafite amadolari basigaje kwishyura hakurikijwe FAP. Iki gice gisobanura by'umwihariko ibikorwa bigomba gukorwa mu bihe bitandukanye kugira ngo Corewell Health ibe yarakoresheje imbaraga zishoboka mu kureba niba Umurwayi na/cyangwa Umwishingizi bemerewe ubufasha bw'amadolari muri FAP na mbere y'uko Corewell Health itangira ibikorwa byo gufatira umutungo (ECA) w'uwo muntu.

5.1.3.1. Abarwayi na/cyangwa Abishingizi bazamenyeshwa ibijyanye na FAP mu nyandiko nkuko bisobanurwa mu buryo bukurikizwa bwa ngombwa. Corewell Health yemera ubusabe bw'ubufasha bw'amadolari kuri konti mu gihe cyose cyo gushakisha uburyo bwo kwishyura imbere igihe habayeho kurangirwa Uruhande rushinzwe kwishyura mu Gihe cyo gutanga Ubusabe.

5.1.3.1.1. Gutanga Ubusabe bw'Ubufasha bw'amadolari bwuzuye.

- Iyo Umurwayi na/cyangwa Umwishingizi batanze ubusabe bw'ubufasha bw'amadolari mu Gihe cyo Gutanga Ubusabe, Corewell Health iza:
 - Hagarika Ibikorwa byose byo gufatira umutungo (ECAs)
 - Gena niba Umurwayi yemerewe Ubufasha bw'amadolari hamwe no kumenyeshya Umurwayi na/cyangwa Umwishingizi ko yemerewe mu nyandiko (harimo iyo bukurikizwa, ubufasha uwo Umurwayi yemerewe) n'icyashingiweho kugira ngo yemererwe.
 - Iyo hafashwe icyemezo ko Umurwayi yemerewe ubufasha bw'amadolari y'ubuvuzi, Corewell Health iza:
 - Ha Umurwayi na/cyangwa Umwishingizi imenyeshya ryanditse rigaragaza Umurwayi na/cyangwa uburyozwe bw'Umwishingizi mu madolari muri FAP;

- Subiza Umurwayi na/cyangwa Umwishingizi amadolari yose bishyuye ku buvuzi arenga ubundi ayo bashinzwe kwishyura ku giti cyabo muri FAP, keretse iyo aya madolari arenga ari muni y'amadolari \$5 (cyangwa undi mubare w'amadolari yatangajwe muri Internal Revenue Bulletin);
 - Fata ingamba zose zifatika zihari mu guhindura ECA iyo ari yo yose ku Murwayi na/cyangwa Umwishingizi mu kwishyurwa ubuvuzi bwatanzwe.
- 5.1.3.1.2. Gutanga Ubusabe bw'ubufasha bw'amadolari butuzuye.
- Iyo Umurwayi/cyangwa Umwishingizi atanze ubusabe bw'ubufasha bw'amadolari butuzuye mu Gihe cyo Gutanga Ubusabe, Corewell Health iza:
 - Hagarika ECAs izo ari zo zose zo kwishyurwa ubuvuzi bwatanzwe.
 - Guha Umurwayi na/cyangwa Umwishingizi imenyeshya ryanditse risobanura andi makuru na/cyangwa inyandiko za ngombwa zisabwa na FAP cyangwa ifishi y'ubusabe bw'ubufasha bw'amadolari igomba gutangwa mu kurangiza ubusabe kandi ko bene aya makuru na/cyangwa inyandiko zigomba kuba zatanze mu minsi (30) uhereye igihe itangazo ryanditse ryatangiweho, bitari ibyo ubusabe ntibuzemerwa, kandi ibikorwa byo kwishyura bizasubukurwa.
 - Iri menyeshya rikubiyemo aderesi waboneraho Corewell Health.
 - Iyo andi makuru na/cyangwa inyandiko byakiriwe nyuma yaho kandi bikaba konti iri mu Gihe cyo gutanga ubusabe, konti izongera yigweho kugira ngo ihabwe ubufasha bw'amadolari kandi ibikorwa byo kwishyura bizaba bisubitswe kugeza icyo cyemezo gifashwe.
- 5.1.3.1.3. Kunanirwa gutanga Ubusabe bw'ubufasha bw'amadolari.
- Iyo nta busabe bw'ubufasha bw'amadolari bwatanzwe mu Gihe cyo Gutanga ubusabe, Corewell Health ishobora gutangiza ECAs kugira ngo yishyurwe amadolari y'ubuvuzi iyo imaze kumenyeshya Umurwayi na/cyangwa Umwishingizi ibijyanye na FAP nkuko bisobanurwa muri iyi nyandiko.
- 5.1.4. Gufata icyemezo ku barwayi batishingiwe – Hatitawe ku kindi kintu cyose bihabanye muri iyi gahunda, kuri serivisi z'ibitaro zahawe abarwayi batishingiwe binjiza amadolari ari muni cyangwa angana na 250% ku mwaka by'Amabwiriza agenga ubukene ya Leta (FPG) kandi bakaba batujuje ibisabwa na FAP, Corewell Health izafata icyemezo ku madolari acibwa ataranga 115% y'ibipimo bya Medicare kuri serivisi zimwe cyangwa zisa. Kwishyura amadolari acibwa yafashweho icyemezo bizafatwa nko kwishyura serivisi zose.
- 5.1.5. Amahitamo yo kwishyura – Corewell Health izasobanura kandi itange amahitamo yo kwishyura aboneka ku Murwayi na/cyangwa Umwishingizi hamwe n'amadolari Umurwayi aba atarishyura mu rwego rwo gutuma Umurwayi na/cyangwa Umwishingizi yishyura amadolari atarishyura nkuko bisobanurwa mu Buryo bukurikizwa ku mahitamo yo kwishyura amadolari atarishyurwa. Kwishyura amadolari yose mu ntoki, sheki, impapuro zitanga uburenganzira bwo kwishyura, cyangwa ikarita yo kwishyuriraho. Andi mahitamo yo kwishyura arimo gahunda zo kwishyura imbere n'inyuma mu kigo zagutse.
- 5.1.6. Kwishyura – Iyo Umurwayi atarangiza kwishyura nyuma y'amahitamo yavuzwe muri 5.1.3.-5.1.5. hejuru yakoreshejwe akarangira, Corewell Health ishobora gushyikiriza urundi ruhande rushinzwe kwishyura Amadolari Umurwayi atarishyura nkuko bisobanurwa mu Mabwiriza agenga kwishyura no gutanga fagitire y'amadolari atarishyurwa. Nibura fagitire (4)

zigaragaza amadolari yakoreshejwe zizaba zohererejwe Umurwayi na /cyangwa Umwishingizi, mu gihe ntarengwa cy'iminsi 120, mbere yo gushyikirizwa urundi ruhande.

- 5.1.6.1. Corewell Health ntizatuma habaho ECAs iyo ari yo yose mu minsi (30) bishyikirijwe uruhande rushinzwe kwishyura.
- 5.1.6.2. Corewell Health nta gikorwa na kimwe cya ECA izakorera Umurwayi na/cyangwa Umwishingizi itabanje gukoresha imbaraga z'ibishoboka kugira ngo ifate icyemezo ku kwemererwa k'Umurwayi muri FAP. By'umwihariko, iyo Corewell Health ifite umugambi wo Gufatira umutungo (ECAs), ibintu bikurikira bizabaho byibura mu minsi (30) mbere yo gutangiza ibindi bikorwa byo Gufatira Umutungo (ECA):
 - Corewell Health izamenyesha Umurwayi na/cyangwa Umwishingizi mu nyandiko ko ubufasha bw'amadolari buhari ku bantu bujije ibisabwa kandi azamenya ECAs za Corewell Health (cyangwa ushinze kuyishyuriza) afite umugambi wo gutangiza igikorwa cyo kwishyura.
 - Corewell Health izakoresha imbaraga zishoboka mu kumenyesha Umurwayi ibijyanye na FAP n'uko Umurwayi na/cyangwa Umwishingizi ashobora kubona ubufasha mu gikorwa cyo gutanga ubusabe.

- 5.1.7. Igisubizo cy'Iposita – Igisubizo cy'Iposita gitunganywa hakoreshejwe ububikoshingiro bwa USPS no gukosora ibikorwa mu buryo bwabugenewe. Ni inshingano z'Umwishingizi gutanga aderese y'ipositayo yoherezwaho mu gihe cy'itangwa rya serivisi akimara kwimuka. Iyo konti nta aderese yemewe ifite, Corewell Health izafata ko hazaba hakoreshejwe imbaraga zishoboka.

6. Ububasha bwa nyuma

Ububasha bwa nyuma bwo kugena ko Corewell Health yakoresheje imbaraga zishoboka mu kureba niba Umurwayi yemerewe ubufasha bw'amadolari muri FAP bityo ikaba yatangiza ECAs ku Murwayi na/cyangwa Umwishingizi biri mu bubasha bwa Visi Perezida mukuru, Gukurikirana amadolari yinjijwe n'abarwayi cyangwa umuhagarariye.

7. Gusubiramo

Corewell Health ifite uburenganzira bwo guhindura, kuvugurura, kwimura cyangwa gukuraho iyi gahunda igihe cyose hatabayeho integuza y'itangazo ryanditswe.

8. Ibitabo byifashishijwe

[Gahunda yo kwemererwa ubufasha bw'amadolari](#)
[Uburyo bukurikizwa ku Murwayi cyangwa Umwishingizi upfuye hari amadolari yari asigaje kwishyura](#)
[Uburyo bukurikizwa igihe Umurwayi apfuye yari mu gihombo hari amadolari asigaje kwishyura](#)
[PFS - Uburyo bukurikizwa ku mahitamo yo kwishyura amadolari atarishyurwa](#)

9. Gukora Gahunda no Kuyemeza

Nyir'inyandiko:

Paula Cersosimo (Administrative Assistant)

Umwanditsi(abanditsi)

Crystal Lang (Mgr, Patient Financial Services)

Umugenzuzi(abagenzuzi):

Amy Assenmacher (SVP, Finance Revenue Cycle), Courtney Guernsey (VP, Patient Financial Services), Matthew Cox (Chief Financial Officer), Sarah Clark (VP, Registration/Fin Counseling), Steffany Dunker (Managing Counsel)

Ubyemeza:

Christina Freese Decker (President & CEO)

Umugereka A

Itangazo ryo kwirinda Ivangura:

Ni gahunda ya Corewell Health n'ibigo biyishamikiyeho byose gutanga ubuvuzi bufite ireme ku bantu bose. Gushyirwa mu bitaro no kuvurwa bizaba bishingiye gusa ku buvuzi umurwayi azaba akeneye n'urwego ndetse n'ubushobozi bw'ivuriro bwo kwita ku murwayi no kumuha ubuvuzi akeneye. Umurwayi ntazangirwa gushyirwa mu bitaro no kuvurwa hashingiwe ku bwoko, ibara ry'uruho, igitsina, isura, igihugu cy'inkomoko, idini, ubumuga, imyaka, kuba abana n'ubwandu bwa HIV, uwavuye ku rugerero, cyangwa umusirikare, uburyo bwo kwishyura cyangwa irindi shingiro ribujijwe n'igihugu, leta cyangwa amategeko y'aho ivuriro rihereye. Abarwayi bazavurwa mu buryo bugendanye n'igitsina kibaranga. Site zemejwe za NHSC zigomba kwemera kutavangura mu itangwa rya serivisi ku bantu hashingiwe ku: kutabasha kwishyura kw'umuntu; byaba kwishyura izo serivisi bishobora gukorwa muri Medicare, Medicaid, cyangwa CHIP; ubwoko bw'umuntu, ibara ry'uruho, igitsina, igihugu umuntu akomokamo, ubumuga, idini, imyaka, igitsina umuntu yiyumvamo, cyangwa igitsina kimuranga.

Reba [Gahunda y'Uburenganzira bw'Umurwayi n'Inshingano](#) ku bindi bisobanuro.

Corewell Health:

- Itanga ku buntu inkunga na serivisi ku bantu bafite ubumuga kugira ngo bavugane natwe nta ngorane, nka:
 - Abasemuzi b'amarenga b'umwuga
 - Amakuru yanditse mu bundi bwoko (inyuguti nini, amajwi, amakuru ari mu bwoko bwa elegitoroniki, ubundi bwoko)
- Itanga serivisi z'indimi ku buntu ku bantu icyongereza atari ururimi rwabo rw'ibanze, nka:
 - Abasemuzi b'umwuga
 - Amakuru yanditse mu zindi ndimi

Niba ukeneye izi serivisi, kuri Legacy Spectrum Health hamagara Serivisi z'Indimi kuri: 616.267.9701 or 1.844.359.1607 (TTY:711).

Niba wizeye ko Corewell Health itaguhaye izi serivisi cyangwa yaragukoreye ivangura mu bundi buryo ishingiyeye ku bwoko, ibara ry'uruho, igihugu cy'inkomoko, imyaka, ubumuga, cyangwa igitsina, igitsina wiyumvamo, igitsina kiburanga cyangwa idini, ushobora kugeza ibyo utishimiye kuri:

- Legacy Beaumont Health:
Patient Experience Department
26901 Beaumont Blvd.
Southfield, MI 48033
947-522-1472
Pfcc@beaumont.org
- Kuri Legacy Spectrum Health Lakeland na Legacy Spectrum Health West Michigan:
Director, Patient Experience
100 Michigan St NE MC 006
Grand Rapids, MI 49503
616-391-2624, Umurongo utishyuzwa; 1-855-613-2262
patient.relations@spectrumhealth.org

Ushobora kuvuga ibyo utishimiye ubwawe cyangwa ugakoresha iposita, fagisi, cyangwa imeyili. Niba ushaka ubufasha bwo kuvuga ibyo utishimiye, Umuyobozi ushinze Abarwayi yiteguye kugufasha.

Ushobora kandi gutanga ikirego mu Ishami rishinzwe Ubuzima n'Imibereho myiza y'Abaturage muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika, Ibiro bishinzwe Uburenganzira bwa muntu ukoresheje ikoranabuhanga ukanyura ku rubuga rutangirwaho Ibirego rw'Ibiro bishinzwe Uburenganzira bwa muntu, biboneka kuri <https://ocrportal.hhs.gov/ocr/portal/lobby.jsf>, cyangwa ukohereza ku iposita cyangwa ugahamagara kuri:

U.S. Department of Health and Human Services
200 Independence Avenue SW, Room 509F, HHH Building
Washington, DC 20201
1-800-368-1019, 800-537-7697 (TDD).

Amafishi atangirwaho ikirego araboneka kuri <http://www.hhs.gov/ocr/office/file/index.html>.

Duhamagare

Español (Spanish)

ATENCIÓN: Si usted habla español, tiene a su disposición servicios gratuitos de asistencia lingüística. Llame al 1-844-359-1607 (TTY: 711).

العربية (Arabic)

ملحوظة: إذا كنت تتحدث اللغة العربية، فإن خدمات المساعدة اللغوية تتوافر لك بالمجان. اتصل برقم 1-844-359-1607 (رقم هاتف الصم والبكم: 711).

中文 (Chinese): 國語/普通話 (Mandarin), 粵語 (Cantonese)

請注意：如果您講中文，您可以獲得免費的語言輔助服務。請撥打1-844-359-1607（TTY 手語翻譯：711）。

Tiếng Việt (Vietnamese)

CHÚ Ý: Nếu bạn nói Tiếng Việt, có các dịch vụ hỗ trợ ngôn ngữ miễn phí dành cho bạn. Gọi số 1-844-359-1607 (TTY: 711).

Ako govorite srpsko (Serbian, Croatian or Bosnian)

OBAVJEŠTENJE: Ako govorite srpsko-hrvatski, usluge jezičke pomoći dostupne su vam besplatno. Nazovite 1-844-359-1607 (TTY: 711). (TTY- Telefon za osobe sa oštećenim govorom ili sluhom: 711).

አማርኛ (Amharic)

ማስታወሻ: የሚናገሩት ቋንቋ አማርኛ ከሆነ የትርጉም እርዳታ ድርጅቶች፣ በነጻ ሊያግዝዎት ተዘጋጅተዋል። ወደ ሚስተለው ቁጥር ይደውሉ 1-844-359-1607. (መስማት ለተሳናቸው: (TTY: 711).

नेपाली (Nepali)

ध्यान दिनुहोस्: तपाईंले नेपाली बोल्नुहुन्छ भने तपाईंको निम्ति भाषा सहायता सेवाहरू निःशुल्क रूपमा उपलब्ध छ । फोन गर्नुहोस् 1-844-359-1607 (टिटिवाइ: (TTY: 711).

Thuɔŋjaŋ (Nilotic – Dinka)

PIID KENE: Na ye jam ně Thuɔŋjaŋ, ke kuony yenë kɔc waar thook atɔ̄ kuka lëu yök abac ke cïn wënh cuatë piny. Yuɔpë 1-844-359-1607 (TTY: 711).

Kiswahili (Swahili)

KUMBUKA: Ikiwa unazungumza Kiswahili, unaweza kupata, huduma za lugha, bila malipo. Piga simu 1-844-359-1607 (TTY: 711).

فارسی (Farsi)

توجه: اگر به زبان فارسی گفتگو می کنید، تسهیلات زبانی بصورت رایگان برای شما فراهم می باشد. با 1.844-359-1607 (TTY: 711). تماس بگیرید.

Français (French)

ATTENTION: Si vous parlez français, des services d'aide linguistique-vous sont proposés gratuitement. Appelez le 1.844-359-1607 (TTY: 711).

မြန်မာ (Burmese)

သတိပြုရန်- သင် မြန်မာစကားပြောဆိုပါက ဘာသာစကား အကူအညီဝန်ဆောင်မှုများကို အခမဲ့ ရရှိနိုင်ပါသည်။ 1-844-359-1607, (TTY: 711) ကို ခေါ်ဆိုပါ။

فارسی دری (Dari)

توجه اگر به زبان دری صحبت می کنید، خدمات کمک زبانی بصورت رایگان برای شما در 1-844-359-1607 (TTY: 711).
دسترس است. تماس ب

Kreyòl Ayisyen (Haitian Creole)

ATANSYON: Si ou pale Kreyòl Ayisyen, gen èd nan lang ki disponib gratis pou ou. Rele nimewo 1-844-359-1607 (TTY: 711).

Ikinyarwanda (Kinyarwanda)

ICYITONDERWA: Niba uvuga ikinyarwanda, serivisi z'ubufasha ku byerekeye ururimi, urazihabwa, ku buntu. Hamagara 1-844-359-1607 (ABAFITE UBUMUGA BW'AMATWI BIFASHISHA ICYUMA CYANDIKA -TTY: 711).

Soomaali (Somali)

DIGTOONI: Haddii aad hadasho Soomaali, adeegyada caawimada luqadda, oo bilaasha, ayaad heli kartaa. Wac 1.844-359-1607 (TTY: 711).

اللهجة السودانية (Sudanese)

انتباه: إذا كنت تتحدث اللهجة السودانية، خدمات المساعدة بلغتك متاحة مجاناً. اتصل على الأرقام 1-844-359-1607 (رقم الصم والبكم: 711).

தமிழ் (Tamil)

கவனம்: நீங்கள் தமிழ் பேசினால், உங்களுக்கு இலவசமான மொழி உதவிச் சேவைகள் கிடைக்கின்றன. இந்த எண்ணை அழைக்கவும்: 1-844-359-1607 (TTY: 711).

ትግርኛ (Tigrinya)

ትኹረት: ትግርኛ እንዲሁ ትዘረብ ከንካ፣ ናይ ቋንቋ ደገፍ ኣልግሎታት፣ ብናጻ ክቐርቡልካ እዮም። ደውል 1.844-359-1607 (TTY: 711)።